

**UBUTUMWA BIKIRA MARIYA YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE KU  
ITARIKI YA 03/10/2023 I SAA CYENDA NA MIRONGO INE Z'IJORO (03H40) BWO  
KUGEZA KU BASENGA NGO BAKOMERE KW'ISENGESHO KUKO IBIGIYE  
KWIGWAHO NO KWEMEZWA MURI IRIYA NAMA IGIYE KUBERA I ROMA:  
ARI IBIGIYE GUKORWA, ARI N'IBIGIYE KWEMEZWA, NA BYO BIRI MURI  
BIMWE NA BIMWE BIGIYE KUBANANIZA NO GUTOTEZWA BIGERETSE.  
NAMWE MUDASENGA N'ABANDI BUMVIREHO MWESE BIRABAREBA, NA  
MWE BABYEYI BIRABAREBA MWUMVIREHO.**

**Bikira Mariya:** Nyiramukiza mwana wanjye nkunda cyane, ndakuramutsa. Yezu Kristu akuzwe!

**Valentine:** Karame Mama, Akuzwe iteka ryose.

**Bikira Mariya:** Nonjeye kugusuha muri iyi ndamutso kuko abashaka ko Yezu Kristu atavugwa ni bensi muri iki gihe turimo. Ikindi kibabaje cyane mwana wanjye ni uko no muri Kilizya barimo batemera Yezu Kristu uko ari.

**Valentine:** None se Mama abadashaka kuvuga Yezu bashaka kuvuga nde ? None se, abo bo muri Kilizya bareka kumwemera no kumuvuga gute kandi basoma Misa bamuvuga no ku muhaza abantu baje mu Misa ya buri munsi ? Nsobanurira simbyumvise neza Mama?

**Bikira Mariya:** Nibyo koko ntibyoroshye kubisobanukirwa no kubyumva uko biri n'uko bimeze ni uko mbivuze. Jyewe ubizi ubibona. Ariko humura ndagusobanurira neza cyangwa se se nkributse ko nigeze kubikubwira ngo usenge cyane birakomeye. None rero, ntega amatwi yombi nkubwire ikinzanye ngutume kandi ntunce mu ijambu icyo utumva ukimbaze nyuma. Uranyumva neza mwana wanjye nkunda?

**Valentine:** Mama ndi igikoresho cyawe, ndi hano nguteze amatwi yombi ngo nkumve umbwire ikikuzanye, untume aho ushaka no ku bo ushaka kandi singuca mu ijambu.

Mwana wanjye nkunda,  
Ndagutuma ku bapadri batotezwa bazira kuvugisha ukuri no gukorera mu kuri, kandi batotezwa na bagenzi babo bitwaje ibyo bari byo kandi byitwa ko bafatanije umurimo wo kwiha Imana, byagera ku babakuriye bo bikaba munyumvishirize. Abo barimo muri Kilizya no mu bandi bihayimana. Ni bo ngutumyeho.

Ndagutuma ku bakristu ba Kristu basenga bose babivanye ku mutima bazi icyo bakora, bizeye uwo babwira ko abumva abakomeza.

Ndagutuma kuri babandi bataye bavuga ko batemera, basenga, n'abandi n'abandi bumvireho; kuko mwese ibyo ngiye kuvuga birabareba cyane cyane ababyeyi.

Ikinzanye ni iki:

Abasenga nimushikame musenge kurushaho kandi mwiteguye ku mitima no kuri roho zanyu. Nimufate ishapule yanyu by'ukuri kuko bya bihe bikomeye ku basenga biraje. Nimugire Rozari yanyu impamba ikomeye, muyivuge noneho muyizirikana kurushaho musabira Kilizya Gatorika murimo; kuko igiye kugarizwa n'amahano akomeye kurusha

uko yari imeze muri bino bihe twayisabiraga kuva igihe icyorezo cya korona cyari kiyugarije. Ngirango abihayimana bamwe na bamwe babonye uburyo Shitani ari ho yahereye bababuza gusoma Misa no gusomera abakristu Misa, bababuza gukora kuri Yezu Kristu nk'aho ari We korona kandi ari We Mukizabose na byose; babuza abakristu gusenga na n'ubu bikiriho hamwe na hamwe.

Murabona iyo Kiliziya ijya he? Hari abatoteza abagerageza guhura bakavuga Rozari ya buri munsi kandi ari yo nkingi ya Kiliziya, abanga gusomera Misa abantu,... Ibyo byose ndabizi ndabibona kandi ni uko Shitani ikorera mu bantu bayobya abihayimana biyongera ku bacamo abantu ibice berekana ko basenga kandi ari amakuzo yabo no kwibonekeza. Nguko uko Shitani ikorera mu bantu bikuza.

Ubu rero igikomeye ngiye kubabwira ni uko igiye (Kiliziya) kwishyira ku wundi mugozzi ukururirwa impande zombi: uruhande rwa Kiliziya irimo bamwe bagoswe n'irari, n'uruhande rukururwa n'abategetsi bategeka iyi si batemera Imana bamwe na bamwe. N'iyi si ubwayo, ishinyitse amenyo ishaka kuyigwisha mu cyaha gikomeye ishنجwa kiyihama, none na yo yaje kubyemeza.

Ikibazo cyo kwigisha abana ibikozasoni mu mashuri amwe namwe Kiliziya igaceceka,

Kwigisha abana gukundana n'abo bahuje uko bavutse,

Kumvisha umwana ko agomba gukundana na mugenzi we ko atari ngombwa gukurikiza ubukure mu myaka.

None se ibyo ntibireba ababyeyi koko?

Umugabo n'umwana  
Umugabo n'umugabo  
Umugore n'umugore  
Padiri na padiri  
Umubikira n'umubikira  
Ibi byose ni amahano bana banjye!

Ibyo byose se ntibireba ababyeyi ?

Ibyo na byo bizigwaho i Roma.

Niyemeza ko ibyo byose bitambuka bikemezwa ni uko iba yikuyeho ububasha ihabwa ikaba ari yo yemerera ibinyuranyije n'ibyo yo yemera kandi yigisha. Izaba rero igiye gutatira igihango cyo kwemerera ibizira kwicara ku ntebe byicariye ububasha bw'Imana no ku bantu Imana yiremeye igira iti: « *mugabo n'umugore nimubyare mwororoke nk'umusenyi wo mu nyanja* ».

Yabivuze yibeshya se? Imana yaremye umugabo n'umugore ngo bahabwe umugisha buzuzanye babyarire Imana ibiremwa byayo. Murabyumva neza bana banjye nkunda ?

Igiye kuba intandaro yitotezwa ry'abakristu bayo.

Ubwo se isi izayoborwa na nde? Izayoborwa na bya bihindugembe nababwiye bizaba bikoreshwa n'imyuka mibi izaba ikikije isi, izayoborwa n'abantu bose biyeguriye Shitani ku isi yose.

Ngibyo ibyo mugiye gusengera no gutoterezwa bana banjye nkunda. Muzagendere mukuri, muvuge ukuri, musengane ukuri.

Igihe cyo kuvugisha ukuri ku byo mwabwyne, mwabwiwe, mwumvise by'ukuri: aho wakirijwe n'uwagukijije, byose ukabivugana ukuri uko biri bana banjye.

Ikigufitiye akamaro cyose na mugenzi wawe ni kibe ukuri.

Abasenga by'ukuri ntimugire ubwoba kuko ndi kumwe na mwe mu byo mukora byose bana banjye nkunda.

Ibi byose narabibabwiye bana banjye ko isi yuzuyemo imyuka mibi ya sekibi iterwa n'abantu bashaka inyungu zabo n'amaseru y'isi.

Ibyo byose ni byo umukristu nyawe usenga abikuye ku mutima agomba gusengera no guhangayika kuko ibiri mbere si byiza ku bantu bose.

Ku itari ya 24/10/ 2012 ni ho nakubwiye ko mugomba gusabira Papa wari uriho, ko agiye kwegura kubera kunanizwa.

Mbabwira ko uzamusimbura azatorwa kuri iyi itariki ya 13/03/2013 n'isaha n'umunsi, mbasaba ko mugomba gusenga cyane mumusabira ngo na we atazananizwa.

Cya gihe kiregeree rero, nimusenge cyane mushishikaye kuko ntibyoroshye na gato.

Ibyo muzabona byose muzihangane, musenge kurushaho ntimuzacike intege ngo muzicibwe n'abatazifite. Murumva bana banjye nkunda?

Hagiye kuba ibyorezo byinshi cyane n'indwara z'urudaca, inzara igiye kwica abantu baryane bapfa ubusa, abavandimwe bamarane, imyiryane n'inzangano z'indengakamere, ubwicanyi buteye ubwoba, intambara n'ibindi byuririzi n'amahano menshi, imyuzure cyangwa umwuma hamwe na hamwe mu mpande zose z'isi.

Ibyo byose mvuze bireba abategetsi b'ibihugu b'isi yose ngo barwaneho ku bo bategeka b'ingeri zose uko bari kose. Abategekwa batuye isi bose, abantu bose mu ngeri zose, abasenga n'abadasenga birabareba, abatemera birabareba, ababyeyi birabareba cyane kuko ni ho abana bagiye kugirira ibibazo n'ihohoterwa.

Nyabuna ndabateguje, ucira injiji amarenga amara ibinonko. Munyumve neza ni inama nabagiraga.

Uyu mbatumaho agiye gutotezwa kurusha uko yarasanzwe atotezwa kandi mutume kuri benshi bamwirengagiza kuko nzabibabaza bose abo natumyeho.

Na mwe muri kumwe nawe nimukenyere mukomeze, muhumure muri mu gishura cyanje bana banjye.

Abahagurukiye kuvugisha ukuri ku cyatuzanye i Kibeho, Njyewe n'Umwana wanje Yezu Kristu, ndabashimiye mbahaye Umugisha wa Kibyeyi.

Musenge umwanzi atazabinjirira kuko ahora arekereje.

Ni ibyo byari binzanye kukubwira no kugutuma mwana wanjye nkunda.  
Mu byo navuze byose se nta gisubizo wumvise ku kibazo cya we mwana wa?

**Valentine** : Mama urakoze cyane. Igisubizo kimwe nacyumvise. Igitubizo nagikuye mu butumwa bwo ku itariki ya 24/10/2012 bwasomewe muri Saint Guidon ku itariki 17/03/2013 dusozwa umwiherero wakozwe 15-17/03/2013.

Ikindi nibutse ni uko wavuze ko Kiliziya izasenywa n'abagombye kuyubaka, wabivugiyi i Kibeho tukiri mu Rwanda Mama!

Nibyo koko bikorwa gusa kuko usanga abihayimana ari bo barwanya abasenga bavuga Rozari no kwanga gusomera Misa abakristu bateraniye hamwe kubera ibyo bitwaza bisumba ibyo biyeguriye.

None se Mama, ibyo byose uvuze ubwira abasenga n'abandi bose tuzabyifatamo dute twe dusenga dutotezwa kuriya koko impande zose?

**Bikira Mariya** : Nimukenyere mukomeze, mugendere mu kuri kuko ni ko kuzatsinda bana banjye. Ni ibyo byari binzanye kugutuma mwana wanjye nkunda.

Ngaho komereza amasengesho yawe aho wari ugereje.

Wishidikanya, reka nkubitse mwana wanjye nkunda: wari urangije impuhwe z'Imana komerezaho ibikurikira.

Nguhaye umugisha wanjye wa kibyeyi ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Mpaye umugisha abapadiri bitangira abandi cyane cyane abakristu mu kubasomera Misa Ntagatifu. Ntibyoroshye ndabibona.

Mpaye umugisha abitangira abandi mu gusenga.

Mpaye umugisha abategurira abandi amasengesho kuko ntibyoroshye bana banjye ndabizi ndabibona.

Mpaye umugisha abamamaza ukuri k'ubutumwa twatanze bw'ukuri.

Mpaye umugisha mwe muvuga Rozari mwese mubikuye ku mutima nta bwibone, nta nyungu.

Mpaye umugisha na mwe mukomera ku mpuhwe z'Umwana wanjye Yezu Kristu buri munsi.

Ibyo byose mvuga bikiza benshi cyanee, bikajegeza Shitani zugarije isi n'abayituye bayiyeguriye.

Mbahaye umugisha wa Kibyeyi ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Uramukeho mwana wanjye nkunda.

**Valentine** : Urakoze cyane Mama. Uramukeho.